AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 03/19.21 YO KUWA 10/07/ /2009 YEREKEYE ISUZUMABUSHOBOZI NO GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NYUMA Y'IVUGURURA RY'INZEGO Z'IMIRIMO ZA LETA.

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo,

Ashingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 9 Nyakanga 2002 rishyiraho Sitati rusange igenga Abakozi ba Leta n'Inzego z'Imirimo ya Leta , cyane cyane mu ngingo zaryo iya 71 n'iya 72;

Ashingiye ku Itegeko n° 06/2007 ryo kuwa 01 /02/2007 rigena Imiterere n'Imikorere ya Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 37/10 ryo kuwa 30 Kanama 2004 ryerekeye uburyo bwo gushakira Abakozi Inzego za Leta;

Ashingiye ku Cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 26 Kamena 2009, ku byerekeye Ishyira mu bikorwa ry'Ivugurura ry'Inzego z'Imirimo za Leta ;

Ashingiye kuri "Delegation of powers" Komisiyo Ishinzwe Abakozi ba Leta yahaye Inzego za Central Government na Local Government mu ibaruwa n° 524/19.PSC yo kuwa 10 Nyakanga 2009 kugira ngo zishake Abakozi nyuma y'Ivugurura ry'Inzego z'Imirimo za Leta;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA :

IGICE CYA MBERE : INGINGO RUSANGE

INGINGO YA MBERE:

Aya mabwiriza agena uburyo Isuzumabushobozi n'Ipiganwa bikorwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyavuye mu Ivugurura ry'Inzego z'Imirimo za Leta muri « Central Government » na « Local Government » nk'uko byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 26 Kamena 2009.

INGINGO YA 2:

Haseguriwe ibiteganywa n'Amategeko yihariye agenga ibyerekeye gupiganisha no gushyira Abakozi mu myanya y'Inzego z'Imirimo za Leta, aya mabwiriza ateganya Abayobozi bashinzwe gukoresha « Evaluation » y'Abakozi n'Ipiganwa ku myanya y'imirimo mu Nzego za « Central Government » na « Local Government ».

INGINGO YA 3:

Mbere yo gukoresha « Evaluation » y'Abakozi n'Ipiganwa, Abayobozi ba « Institution » babanza kubimenyesha Abakozi bayobora bakanabasobanurira uko bikorwa.

Muri rusange abandi Bakozi bose bazakorerwa Isuzumabushobozi uretse Abakozi bashyirwaho ku buryo bwa « nomination».

Abari Abanyamabanga Bihariye n'Abanyamabanga (Administrative Assitant) bari basanzwe bashakwa n'Umuyobozi muri « Institutions» nabo bazakorerwa « evaluation » kimwe n'abandi bakozi

Umunyamabanga Wihariye wagaragaje ubushozi kandi yujuje ibisabwa, asabirwa gushyirwa mu myanya wa « Advisor » cyangwa undi mwanya usaba Profile ihwanye n'iye.
Administrative Assitant nawe wagaragaje ubushobozi kandi yujuje ibisabwa, asabirwa umwanya wa ''Executive Assistant » cyangwa undi mwanya usaba ''Profile'' afite .

IGICE CYA KABIRI : IBYEREKEYE ISUZUMABUSHOBOZI RY'ABAKOZI

INGINGO YA 4:

Isuzumabushobozi rivugwa muri aya mabwiriza rizabarirwa ku manota 100 kandi rizashingira kuri ibi bikurikira:

a. Performance Assesment yo mu myaka ya 2006, 2007 na 2008;
b. Umusaruro n'Imyitwarire Umukozi yagaragaje guhera muri Mutarama 2009 kugeza muri Kamena 2009.

Impuzandengo ya « Performance Assesment » yo mu myaka ya 2006, 2007 na 2008 ibarwa kuri 50% by'Amanota ; andi manota 50% atangwa n'abagize « Evaluation Panel » hakurikijwe Umusaruro (40%) n'Imyitwarire (10%) Umukozi yagaragaje guhera muri Mutarama 2009 kugeza muri Kamena 2009.

Mu rwego rwo gusuzuma ibyakozwe kuva Mutarama kugeza muri Kamena 2009, buri mukozi ashyira mu nyandiko y'ipaji imwe ibikorwa by'ingenzi bitarenze bine (4) yagaragaje muri icyo gihe bishingiye ku mihigo yasinye cyangwa ku bindi bikorwa yasabwe gukora.

INGINGO YA 5

Iyo Umukozi adafite "Performance Assesment » z'imyaka yose uko ari itatu ivugwa mu ngingo ya 4 kubera impamvu zinyuranye, 50% ibarirwa gusa ku myaka yakoreweho Isuzumabushobozi.

Iyo nta "Performance Assesment » n'imwe afite mu myaka yose uko ari itatu, icyo gihe Umusaruro n'Imyitwarire Umukozi yagaragaje guhera muri Mutarama 2009 kugeza muri Kamena 2009 bibarirwa ku manota 100%.

INGINGO YA 6:

« Evaluation Panel » muri Primature igizwe na ba Minisitiri (3) muri Primature n'Umuyobozi Mukuru w'Ibiro bya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.

« Evaluation Panel » igizwe na Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta n'Umunyamabanga Uhoraho muri za Minisiteri.

Mu Nteko Inshinga Amategeko no mu Rukiko rw'Ikirenga Abanyamabanga Bakuru basaba uburenganzira Abayobozi b'Ikirenga b'izo Nzego kugira ngo hashyirweho « Evaluation Panel ».

« Evaluation Panel » mu Bushinjacyaha Bukuru igizwe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije n'Umunyamabanga Mukuru.

Mu Nzego z'Ibanze, « Evaluation Panel » igizwe na Nyobozi y'Akarere.

Abagize « Evaluation Panel» bashobora kandi kwifashisha abandi bayobozi bo muri « Institution » igihe bibaye ngombwa.

INGINGO YA 7:

Amanota yemejwe na « Evaluation Panel » amenyeshwa Umukozi ukorerwa Isuzamubushobozi kandi agashyikirizwa « National Reform Steering Committee » kuri Central Government.

Kuri « Local Government », amanota yemejwe na « Evaluation Panel » amenyeshwa Umukozi ukorerwa Isuzamubushobozi kandi agashyikirizwa Njyanama y'Akarere.

INGINGO YA 8:

Amanota yemejwe na « Evaluation Panel » niyo « Institution » ishingiraho isabira Abakozi bagaragaje « High Performance » mu kazi gushyirwa muri « Structures » nshya; ariko ibyo bigakorwa ku rwego rureshya n'urwo Umukozi yari asanzwe akoramo kuko kuzamurwa ku rwego rwisumbuye bigomba kunyura mu Ipaganwa.
Abakozi bagaragaje « Low Performance » babashyirwa ku rutonde rw'Abakozi bahagarikwa by'agateganyo; naho Abakozi bagaragaje « Poor Performance » bagashyirwa ku rutonde rw'Abakozi basezererwa nta mpaka mu Nzego za Leta kandi badahabwa imperekeza.

Umukozi ufatwa nk'uwagize « High Performance » ni umukozi wagize amanota angana cyangwa ari hejuru ya 70% mu Isuzumabushobozi rivugwa muri aya mabwiriza. Umukozi wagize kuva kuri 50% kugeza kuri 69% afatwa nk'uwagaragaje « Low Performance ».
Umukozi utabonye amanota agera kuri 50% afatwa nk'uwagaragaje « Poor Performance ».

INGINGO YA 9:

Abakozi bagize « High Performance » ku mirimo bari bashinzwe basabirwa gushyirwa muri « Structure » nshya muri « Institution » basanzwe bakoramo iyo bujuje ibisabwa (Jobs Profiles) kuri iyo myanya.

Iyo ari Abakozi barenze umwe bagize « High Performance » kandi bujuje ibisabwa ku murimo umwe, icyo gihe « Institution » isabira ufite uburambe ku kazi kurusha undi cyangwa uwakoze amahugurwa ku bijyanye n'uwo mwanya.
Iyo banganya ibyavuzwe hejuru byose, hifashishwa «gender equity».

INGINGO YA 10:

Iyo Umukozi yagagaraje « High Performance » ariko umwanya yarasanzwemo ukaba waravanyweho cyangwa waravugururiwe inshingano ku buryo atacyujuje ibisabwa ku mwanya w'umurimo mushya, uwo mukozi ashakirwa undi mwanya muri « Institution » ujyanye na « Profile » ye; cyangwa agashakirwa undi mwanya ujyanye na « Profile» ye mu zindi Nzego za Leta, bimaze gusuzumwa na « National Reform Steering Committee ».

Igihe uwo mukozi atabonewe umwanya ahagarikwa by'agateganyo hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

INGINGO YA 11:

Nyuma y'Isuzumabushobozi, buri « Institution » igeza kuri MIFOTRA:

- Urutonde rw'Amazina y'Abakozi bagaragaje « High Performance » n'imyanya basabirwa gushyirwamo muri "Structure" nshya;
- Urutonde rw'Amazina y'Abakozi bafite « High Performance» ariko batabonye imyanya muri «Structure» nshya kubera ibusana hagati ya «Profiles » zabo na « Jobs Profiles » nshya cyangwa kubera ivanwaho ry'umurimo ;
- Urutonde rw'Amazina y'Abakozi bagaragaje « Low Performance» bagomba guhagarikwa by'agateganyo mu Nzego za Leta;
- Urutonde rw'Amazina y'Abakozi bagaragaje « Poor Performance» bagomba gusezererwa nta mpaka kandi ntibahabwe imperekeza;
- Umubare w'amafaranga y'imperekeza n'ibindi bigenerwa abakozi bagomba gusezererwa by'agateganyo.

INGINGO YA 12:

Abakozi basabirwa gushyirwa mu myanya bashyikirizwa « National Reform Steering Committee » kugira ngo ibisuzume kandi itange inama mbere y'uko byemezwa n'Inzego zibifitiye ububasha.

« Format » ikoreshwa iri ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza.

IGICE CYA GATATU : IBYEREKEYE IPIGANISHA RIGAMIJE GUSHAKA ABAKOZI KU MYANYA YASIGAYE

INGINGO YA 13:

Buri « Institution » ishyikiriza Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta, Imyanya itabonye Abakozi, kugira ngo ishakirwe Abakozi nk'uko biteganywa n'amategeko.

Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta izatangaza imyanya itabonye Abakozi kugira ngo ipiganirwe.

Ingengabihe y'ibizami n'uburyo bikorwa byumvikanwaho hagati ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta na « Institutions » bireba.

INGINGO YA 14:

Muri Local Government, Imyanya yasigaye itabonye Abakozi itangazwa na Nyobozi y'Akarere.

Ariko Akarere kazatangaza gusa imyanya gafitiye ubushobozi bwo guhemba.

INGINGO YA 15:

Kimwe n'abandi Banyarwanda, Abakozi bahagaritswe by'agateganyo n'abasezerewe nta mpaka bafite uburenganzira bwo gupiganirwa imyanya ijyanye na « Profiles » zabo, igihe izaba imaze gutangazwa.

INGINGO YA 16:

Hashingiwe kuri « Delegation of powers » Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta yahaye Inzego za Leta, buri « Institution » ikoresha ibizamini byanditse na « interview » hakurikijwe Iteka rya Perezida n° 37/10 ryo kuwa 30 Kanama 2004 ryerekeye uburyo bwo gushakira Abakozi Inzego za Leta.

Ibizamini bizategurwa bizashingira ku Bumenyi ngiro (Technical Skills) umurimo usaba, Ikoranabuhanga, no ku Bumenyi rusange ku byerekeye Gahunda na Politiki z'Igihugu (National Policies and Socio-Economic Development Indicators), Imiyoborere n'Imicungire (Leadership and Management) iboneye.

Uko amanota atangwa ku kizami cyanditse kuri izi ngingo nshingirwaho no kuri « interview » biri ku mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza.

INGINGO YA 17:

Nyuma y'ipiganwa, « Institution » ishyikiriza Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta raporo igaragaza :

- urutonde rw'abakandida kuri buri mwanya ;
- abakandida bemerewe gukora ikizami cyanditse ;
- abakandida bakoze ikizami cyanditse n'amanota babonye ;
- abakandida bakoze ikizami cya « interview » n'amanota babonye ;
- urutonde rwerekana uko abakandida bakurikirana mu manota kuri buri mwanya.

INGINGO YA 18:

Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta ishyikiriza MIFOTRA amazina y'abakandida babikwiye kugira ngo bashyirwe mu myanya n'Inzego zibifitiye ububasha.

IGICE CYA KANE : INGINGO ZISOZA

INGINGO YA 19:

Ingengabihe y'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza iri ku mugereka wa gatatu.

INGINGO YA 20:

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa umunsi ashyiriweho umukono.

Kigali, kuwa 13 Nyakanga 2009.

Anastase MUREKEZI

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo